

REPUBURIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'URUBYIRUKO NO
GUTSURA ZA KOPERATIVE

ISANGANO RY'URUBYIRUKO

21-26 UKUBOZA 1987.

ILIBURIRO

Kimwe mu bituma igihugu gishobora kugera ku majyambere ni imbaraga z'abagituye ariko cyane cyane urubyiruko. Gukoresha izo mbaraga ni ngombwa cyane cyane mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere kuko ho usanga abasore n'inkumi aribo benshi kandi bakenewe. Kubahuriza hamwe rero ni kimwe mu bikorwa by'ingenzi bigomba kwitabwaho kugira ngo amajyambere agerweho.

U Rwanda ni kimwe mu bihugu bifite urubyiruko rwinshi cyane. Ibarura rusange ry'abaturage ryo muw'1978 ryagaragaje ko abafite munsu y'imyaka 25 ari 69 ku ijana. Bitewe n'ubwiyongere bw'abaturarwanda bubarirwa kuri 3,7 ku ijana buri mwaka, ubungubu abanyarwanda bose barakabakaba muri miriyoni esheshatu. Muri bo, abashoboye gukora ni miriyoni eshatu kandi kuri izo miriyoni urubyiruko rungana na 39 ku ijana. Birumvikana ko kugira ngo u Rwanda rugere ku majyambere nyayo rugomba mbere na mbere kwita kuri urwo rubyiruko.

Abategetsu bumvise bwangu ko ari ngombwa gukangurira urubyiruko ibikorwa by'amajyambere. Ibyo babigaragaje bashyiraho muw'1973 Ministeri ishinze guteganya ibikorwa by'urubyiruko no kuruyobora ku buryo rugira uruhare rugaragara mu majyambere rusange y'Igihugu.

Manifeste ya M.R.N.D. nayo yasabye ko urubyiruko rwahabwa inyigisho zituma rugira uruhare rukomeye mu majyambere.

Komite-nyobozi ya M.R.N.D. yagennye ko intego yo "Kwihaza mu biribwa" yaba ishingiro ry'Umugambi wa kane w'amajyambere. Yifuza ko urubyiruko cyane cyane urutarize n'urutarashoboye kurangiza amashuri, rwakangurirwa ibikorwa bigamije amajyambere kugira ngo iyo ntego ishobore kugerwaho.

Nyakubahwa Prezida wa Repuburika yongeye kugaragaza ko ari ngombwa gukangura urubyiruko no guhuza ingufu zarwo muw'ijambo yavugiye muri Inverisite y'i Nyakinama tariki ya 21/5/1986. Yagize ati: "....." page 8 & 9 Mu by'ukuri bugasambira".

Ari abategetsu, ari ababyeyi, bese bashishikajwe no gukangurira urubyiruko gufatanyaga n'abandi, guhagurukira ibikorwa bigamije imibereho myiza y'abaturage. Kugira ngo ibyo bigerweho hateganijwe uburyo bw'inshi bunyuranye bwo kwigisha urubyiruko no gukurikirana hafi ibikorwa byarwo. ISANGANO RY'URUBYIRUKO rero akaba ari kimwe muri ubwo buryo; ryashyirwaho guhuriza hamwe urubyiruko, kurukangura kugira ngo rwitabire kwishakira imirimo no kwongera umusaruro.

Intego z'ISANGANO RY'URUBYIRUKO

Igihe Nyakubahwa Prezida wa Repuburika yongeraga kwemeza ko intego yo "Kwihaza mu biribwa"-igomba kuba intango y'ibiteganyijwe mu mugambi wa kane w'amajyambere, yongeye kwibutsa ko urubyiruko rugomba kugira uruhare rukomeye mu gushakira umuti ibibazo birubangamiye. Amajyambere tugamije rero, azagerwaho igihe urubyiruko ruzaba rwiboneye imirimo mishyashya kandi iruha amafaranga. Iyo mirimo nimara kuboneka, buri wese afite icyo akora kimutunze, ingabo ibuzura urubyiruko kwirukanira mu migi izaba yabonetse kuko iyo mirimo izateza imbere buri wese bityo Komini nayo ikarushaho gutera imbere.

Isangano ry'urubyiruko rigamije kurukangurira kwishakira imirimo bikorera ubwabo. Imirimo nk'iyi niyo izatuma urubyiruko rwongera umusaruro.

Abategetsib'inzego zose bagomba kwitanga bagafasha urubyiruko, bakaryobora mu nzira ituma iyo mirimo iboneka. Kuri iyi ngingo, Nyakubahwa Prezida wa Repuburika agira, ati: "Buri Komini, ku rubyiruko" (PRESIREP Nyakinama page 13).

ISANGANO rero ryashyiriweho kugira ngo rishyire mu bikorwa icyo gitekerezo cy'Umukuru w'Igihugu. Ryashyiriweho kugira ngo rigaragaze ko muri Komini hari imirimo koko, icyangombwa akaba ari ukuyishaka.

Intego yo guhuriza hamwe urubyiruko mu ISANGANO rya mbere yagombaga kugaragarira mu bikorwa bitanu by'ingenzi. Hari hateganyijwe: "IMURIKA-GURISHA ry'ibyo urubyiruko rwikoreye ubwarwo, UMUGANDA, IBIGANIRO MBWIRWA-RUHAME, DISIKURU, IMIKINO N'IMYIDAGADURO".

Imurika-gurisha ryagombaga kugaragaza ibyo urubyiruko rwa buri Komini rukora. Bityo iyo mirimo ikorwa igatuma n'idakorwa imenyekana. Ryagombaga gutuma bamenya niba koko ibyo bamuritse bikunzwe, niba bishobora kugurwa.

Isangano ry'urubyiruko riteganyije Umuganda ryashakaga kwibutsa ko igihugu kizazamurwa n'amaboko y'abana bacyo. Umunsi w'Umuganda wari umwanya ukomeye wo gushimangira mu rubyiruko umugambi wo gufatanya. Umuganda wari uteganyijwe, wagombaga guhuza abasore n'inkumi bo mu cyaro n'abanyeshuri bese kugira ngo imbaraga zabo baziteranyirize ku gikorwa kimwe kizababera urwibutso rw'iryo SANGANO.

Hari hateganyijwe n'ibiganiro mbwirwa-ruhame n'amadisi-kuru. Abari bateganyijwe bese bagomba kugira icyo bavugaga ku ruhare rw'urubyiruko mu mizamukire yarwo n'iy'Igihugu. Ababyeyi bakabaganiyirira ku burere bwiza n'ibyo babonye byatuma burushaho kuba bwiza. Ba Burugumestiri bakabasobanurira ibikubiye mu mugambi wa kane w'amajyambere, bakerekaga urubyiruko aho imirimo ishobora kuboneka nuko yakorwa kugira ngo irusheho kubagirira akamaro.

Isangano ryateganyaga kandi imikino n'imyidagaduro. Ubusanzwe imikino n'imyidagaduro ni kimwe mu bituma abantu bahura, bakumvikana, bagashyikirana. Yashyizwe rero kuri gahunda kugira ngo urubyiruko rushobore guhura kandi ireshye abantu benshi kuza kureba imurika-gurisha banagure ibyo bakeneye.

I. UKO IRYO SANGANO RY'URUBYIRUKO RYATEGUWE

Mbere yuko iryo Sangano riba hari byinshi byabanje gukorwa kugira ngo rizagere ku ntego zaryo.

I.1. Inama zakozwe

Igiterekerezo cyo gushyiraho Isangano cyavutse mu nama yahuriye abayobozi bose b'urubyiruko i Kigali kuva tariki ya 23 kugeza kuya 27 Ugushyingo 1982. Icyo giterekerezo cyongeye kugarukwaho mu nama yahuje abayobozi b'urubyiruko muri za Prefegitura n'ab'ibigo by'urubyiruko yabereye mu kigo IWACU cyo ku KABUSUNZU kuva tariki ya 11 kugeza ku ya 12 Werurwe 1987. Muri izo nama uko ari ebyiri, igitekerekerezo cy'iryo SANGANO cyari icyo guhuriza urubyiruko mu mikino inyuranye gusa.

Nyuma, icyo giterekerezo cyaje kwigwa ku buryo buhagije mu nama yahuje abayobozi b'urubyiruko bo muri za Prefegitura n'ab'ibigo by'urubyiruko yabereye muri Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative tariki ya 3 n'ya 4 Kamena 1987. Ku mikino n'imyidagaduro hiyongeraho IMURIKA-GURISHA ari naryo ryagombaga kuba igikorwa cy'ingenzi cy'iryo SANGANO, hiyongeraho n'UMUGANDA, IBIGANIRO MBWIRWA-RUHAME na za DISIKURU.

Icyo giterekerezo kimaze kuzuzwa cyashyikirijwe ba Burugumestri mu nama yabo yabereye i Butare kuva tariki 16 kugeza kuya 23 Kanama 1987, bose baragishyigikira.

Nyuma yaho habaye inama zahuje abayobozi b'urubyiruko n'amakoperative muri Komini kugira ngo bumve kandi banonosore icyo giterekerezo. Izo nama zakozwe mu byiciro bine. Inama z'icyiro cya mbere n'icya kabiri zabereye i KAVUMU kuva kuya 23 kugeza kuya 26 Kanama 1987 no kuya 30 Kanama kugeza kuya 2 Nzeli 1987. Inama y'icyiciro cya gatatu cyateraniye ku Nyundo kuva kuya 2 kugeza kuya 5 Nzeli 1987. Icyo nyuma giteranira mu kigo IWACU ku KABUSUNZU kuva kuya 2 kugeza kuya 5 Nzeli 1987.

I.2. INGENGO ZAKOZWE MURI URWO RWEGO

Nyuma y'izo nama, kugira ngo icyo giterekerezo kirusheho kumvikana, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yasuye amaprefegitura yose y'u Rwanda. Ategura urwo rugendo, kimwe mu byo yari agamije, kwari guhura n'abategetsi b'inzego za Prefegitura kugira ngo bongere barebere hamwe itegurwa ry'ISANGANO RY'URUBYIRUKO.

Hasigaye icyumweru ngo ISANGANO ritangire, bamwe mu bakozi ba Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative bafatanije n'ab'izindi Ministeri n'ibigo birebwa n'ibibazo by'urubyiruko basuye amakomini yose kugira ngo barebe aho itegurwa ry'ISANGANO rigeze, ingorane abaritegura bahuye nazo no gushakira umuti izishoboka.

I.3. INZANDIKO ZATEGURAGA IRYO SANGANO

Uretse izo ngendo, hari inzandiko nyinshi zagiye zoherezwa abayobozi ba za Prefegitura n'ab'amakomini zikubiyemo ibigomba gukurikizwa kugira ngo Isangano rizatungane. Muri izo, urwandiko N° 4058/15.04 rwoherejwe ba Prefe bose rwari rubumbiyemo amabwiriza arebana n'igihe ISANGANO rizabera, ibikorwa by'ingenzi bigomba kwitabwaho, n'ibikoreshe Ministeri iteganyiriza buri Komini.

I.4. ISHYIRWAHO RY'AKANAMA KA KOMINI GATEGURA ISANGANO RY'URUBYIRUKO

Kugira ngo ISANGANO ry'Urubyiruko ritungane, hashyizweho muri buri Komini Akanama gashinzwe kuritegura. Mu makomini hafi ya yose, ako kanama kari kagizwe na : - Burugumestri

- Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative .

- Umugenzuzi w'Amashuri w'akarere

- Abayobozi ba za CERAI

- Ushinzwe Ikigo Gihugurira Abaturage

- Umuyobozi w'Ikigo cy'Urubyiruko

- Agaronome na Veterineri ba Komini

- Abarimu bamwe na bamwe.

Ndetse mu makomini amwe n'amwe abihaye Imana (Abapadiri, Abapastori) nabo bashyirwaga muri ako kanama.

Ako kanama kari gashinzwe guteganya no gutegura aho Imurika-gurisha rizabera, ibizamurikwa no kumenyesha abazamurika kugira ngo bitegure hakiri kare, guteganya ibikorwa by'Umuganda no gutegura imikino n'imyidagaduro. Kari gashinzwe no kumenyekanisha Isangano kifashishije abakuru b'amadini, inama cyangwa inyandiko n'ibishushanyo.

II. UKO ISANGANO RY'URUBYIRUKO RYAGENZE

II. 1. Abariyoboze :

Imitunganyirize y'Isangano ry'Urubyiruko tuyikesha ahanini ka kanama kuko ahenshi kari kagizwe n'abantu b'inyangamugayo bumva neza ibibazo by'urubyiruko bakaba bararanzwe n'ubwitange ari mu kuritegura no gukurikirana imigendekere yaryo.

Ariko ngo ntabyera ngo de ! Hamwe na hamwe wasangaga ako kanama katumva neza icyo kagomba gukora cyangwa katabyitayeho.

Mu makomini byagenze gutyo, wasangaga bya bikorwa bitarateguwe bihagije bityo icyumweru cy'urubyiruko ntikigere ku ntogo zari ziteganyijwe.

Hari nk'aho wasangaga barifatije abanyeshuri bo muri za CERAI, abo mu bigo by'urubyiruko n'abo mu bigo bya IGA bakirengagiza rwa rubyiruko ruri hagati y'inyaka 15 na 24 runyanyagiye mu cyaro ruhakorera kandi ari rwo mbere na mbere rwarebwaga n'iryo SANGANO.

Amahirwe ni uko ba bakozi basuye amakomini hasigaye icyumweru ngo ISANGANO ribe bafashije amwe n'amwe gukosora ibyari bigifutanye.

II.2. IMURIKA-GURISHA

Igikorwa cy'ibanze ibindi byose byagombaga gushingiraho muri iryo SANGANO ni IMURIKA-GURISHA. Nkuko kandi byari byarifujwe, iryo murika-gurisha ryatumye urubyiruko rugera kuri byinshi :

- ryatumye urubyiruko rugaragariza abaturage ibyo rukora
- ryatumye abasore n'inkuni bahura maze bungurana ibitekerezo ku cyateza imbere imirimo yabo
- ryatumye bamwe bagereranya ibyo bakoze n'ibya bagenzi babo maze bibonera ubwabo ko ibyinshi bakora bitanonosoye ku buryo bunyuze umuguzi.
- ryababereye umwanya utagira uko usa wo kwiyumvisha ko ibyamuritswe atari byo byonyine byakorwa, ko hari indi mirimo ishobora kuboneka kandi yabagirira akanaro.

Muri rusange imurika-gurisha ryagenze neza; ibikorwa byagaragaye ni iby'ububaji, iby'ubudozi, gufuma, kuboha, gucura, ububumbyi, ubuhinzi n'ubworozi, n'ubundi bukorikori bwagiye bugaragara hamwe na hamwe.

Nyamara nta byera ngo de ! hari ibitaragenze neza, muri byo twavugaga :

1) Hafi ya hose, ibyerekanwe byari binwe : ibikomoka ku bubaji, ubudozi ubuhinzi, ubworozi, kuboha n'ibindi ... Wasangaga bidakoze neza, kandi ahanini ntaho bihuriye n'ibyo abatuye ako karere bakeneye.

2) Ibiciro by'ibyamuritswe byari bihanitse ukurikije amikoro y'abaturage kandi aribo bagomba mbere na mbere kubigura.

3) Ahenshi wasangaga iryo murika-gurisha ryiganjemo amaserayi, ibigo by'urubyiruko n'ibigo bya IGA. Abikorera ku giti cyabo na rwa rubyiruko ruba muri Segiteri, ntibagaragaye kandi aribo Isangano ryashakaga cyane cyane kugaragaza.

4) Mu makomini amwe n'amwe wasangaga urubyiruko baruteranye kandi rutajijukiwe n'uburyo bw'imurika-gurisha cyangwa ugasa-nga mu mashyirahamwe bohereje umuntu umwe wo kubahagaralira aho kuza bose. Uko kudasobanukirwa n'uburyo bw'imurika-gurisha byatumye bimwe mu byamuritswe bigurishwa byose kumunsi wa mbere, maze aho byari biri hagasigara hambaye ubusa. Kwohereza umuntu umwe nabyo byatumye ya ntego yo guhuza urubyiruko kugira ngo rwungurane ibitekerezo itagerwaho.

5) Ahandi wasangaga aho bateganyirije iryo murika-gurisha hadashobotse. Hakaba ari ahantu hitaruye abantu benshi batagera, cyangwa mu nzu ya Komini kandi tuzi ko abenshi mu baturage batahagenda kenshi. Hari n'aho wasangaga ibyamuritswe bijugunyanze, binyanyagije nta muteguro na gato. Kumenya gutondeka ibintu neza, ukabyerekana uko wifuza ko bigaragara, kandi n'umuguzi agahita abona icyo ashaka bitamuruhije, nabwo ni ubuhanga mu kugurisha.

6) icyababaje ni uko hafi ya hose, ibikomoka k'ubuhinzi n'ubworozi byari bike cyane, ndetse hari naho byari ntabyo kandi byaragaragaye ko aho byagiye bimurikwa aribyo byaguzwe cyane.

7) Hari aho wasangaga barateganiye kumurika umunsi umwe kandi ubundi Imurika-gurisha ryari rihariwe icyumweru cyose. Ntibamenye ko icyo cyumweru cyashyiriweho kugira ngo abaturage bose babone igihe gihagije cyo gusura ibikorwa by'urubyiruko.

II. 3. UMUGANDA

Umuganda wari uteganyijwe ku itariki ya 22 wari ugamiye guhuriza urubyiruko rwa Komini ku bikorwa ^{agaciro} bifitiye rubanda nyamwinshi akamaro, kugira ngo rwongere rwiyunvishe k'imirimo y'amaboko n'ibyiza byo gukorera hamwe.

Mu gihugu hose umuganda wakozwe ku buryo bwinshi. Hari aho bagiye bawukora mu matsinda; bagafata amasegiteri 3, 4 cyangwa 5 agakorera hamwe. Abandi bagafata urubyiruko rwa Komini yose bakaruhuriza ku gikorwa kimwe.

Ibyakozwe muri rusange ni ibi :

- guhanga cyangwa gutunganya imihanda
- guhanga cyangwa gutunganya ibibuga by'imikino
- kurwanya isuri no gutera ibyatsi bigaburirwa amatungo
- gutunda ibikoresho byo kubaka
- gucukura ibyuzi by'amafi.

Nyuma y'umuganda hari hateganyijwe ijamba ryo kwibutsa ibyiza by'Umuganda n'akamaro k'imirimo y'amaboko.

Icyababaje ni uko hamwe na hamwe umuganda utatunganye neza bitewe no kuwutegura nabi. Muri rusange aho wagenze neza naho bagiye baturiza hamwe amasegiteri make kandi bayateganyirije igikorwa kigaragara. Naho aho bagiye baturiza hamwe urubyiruko rwa Komini yose, abantu babaga benshi, kubayobora bigatera ingorane, bityo ntibagire icyo bakora kigaragara kandi igikorwa cy'uwo munsu cyaragombaga kuba urwibutso rukomeye rw'Isangano.

II.4. IMIKINO

Imikino ngorora-ngingo

Muri icyo mikino hari hateganyijwe gutera umuhunda, intosho n'ingasire, kwiruka metero 100, 200, 400, 800, 1.500, 3.000, 10.000. Iyi mikino yari yitabiriwe n'urubyiruko rwose abo mu masegiteri, abanyeshuri bo mu mashuri abanza cyane cyane abo muwa gatandatu, muwa karindwi no muwa munani, abo muri za CERAI n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'amakuru.

Imikino ngorora-mubiri

Imikino ngorora-mubiri yagaragaye ni imipira y'intoki n'uw' amaguru. Iyo mikino yahuzaga abasore n'inkumi bo muri za CERAI hagati yabo cyangwa bagahura n'abo muri segiteri. Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'amakuru nabo barayikinye. Bakoraga amakipe yabo bagahura n'aya za CERAI cyangwa Segiteri. Aho babaga badashoboye kwikorera amakipe yabo bisungaga asanzwe ya za CERAI cyangwa ya Segiteri.

Muri icyo mikino, abakozi ba Komini nabo bagizemo uruhare rukomeye ari mu gutegura icyo mikino ari no kuyikina. Icyashimishije ni uko ahenshi umupira w'amaguru wagiye uhuza amakipe abiri ya mbere yo muri ya marushanwa ateganywa mu rwego rw'amasegiteri.

Isiganwa ry'amagare

Ubusanzwe, isiganwa ry'amagare rihuriza abantu benshi baza kureba abasiganwa nkuko aho ryabaye byagaragaye. Kuri icyo siganwa ariko icyababaje ni uko ari amakomini make yariteguye kandi naho bariteguye ntibazirikane ko rigenewe gushyigikira imurika-gurisha.

Imikino Gakondo

Mu mikino gakondo yagaragaye twavuye igisore, gusimbuka urukiramende, kumasha, gutera uruziga, gukirana, sebutimbiri n'iyindi. Iyo mikino yashyizwe kuri gahunda kugira ngo ijye ahagaragara, urubyiruko ruyimenye kuko igenda yibagirana kandi ari kimwe mu biranga umuco nyarwanda. Hari aho rero batiriwe banayishyira kuri gahunda y'ibyagombaga gukorwa n'aho bayiteganyije ugasanga ari mike. Iyo mikino aho yagaragaye wasangaga ari mike kandi nta mategeko ahamye ayigenga. Hari n'aho batiriwe bayiteganyaye.

Icyifuzo ni uko iyo mikino yose yacukumburwa, ikamenyekanana, amategako ayigenga agashyirwa ahagaragara, byaba ngombwa bakayahuza n'igihe tugezemo.

Imbyino gakondo

Muri iryo SANGANO hari hateganyijwe n'imbyino gakondo n'animasiyo. Haserutse amatorero y'amakomini n'ay'abanyeshuri cyane cyane abo mu ma CERAI.

Iyo mikino, ari iy'ingorora-ngingo, ingorora-mubiri, imikino n'imbyino gakondo n'animasiyo, yose yari igamiye intego eshatu z'ingenzi:

- Kugira ngo abo basore n'inkumi barusheho kwirinda amavunane mu mubiri
- Kugira ngo bahure, barusheho gusabana no gushyikirana
- Kugira ngo ireshye abantu benshi ahabereye imurika-gurisha.

Icyagayitse muri iyo mikino ni uko itari iteguwe bihagije, kandi hakaba hari aho yagiye ibera kure ya rya murika-gurisha, bityo imwe muri izo ntego ntigerweho.

II.5. IBIGANIRO MBWIRWA-RUHAME

Igiterekerezo cyo guteganya ibyo biganiro cyatanzwe na ba Burugumestri. Ibyo biganiro byahuje urubyiruko n'ababyeyi kandi bigatangwa ahanini n'abashinzwe imirimo muri Komini:

- Burugumestri
- Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative
- Veterineri
- Agoronome
- Umukuru w'Ikigo Gihugura Abaturage
- Umukuru w'Ikigo Ndera-buzima.

Ndetse mu makomini amwe n'amwe, bagiye batumira abantu bo hanze basanzwe bazwiho kuba bumva ibibazo by'urubyiruko.

Ibyo biganiro byatumye ibibazo by'urubyiruko birushaho kumenyekana no gushakirwa umuti. Ababitanganga n'ababyumvaga ntibahagarariraga ku itetany'ibibazo gusa ahubwo wasangaga bashishikajwe no kubibonera ibisubizo. Ibibazo byakunze kugarukwaho ni ibi :

Ubwiyongere bw'abaturage

Urubyiruko ruzi neza ko ubwiyongere bw'abaturage butajyana n'imizamukire y'ubukungu bw'Igihugu. Rukaba rukeka ko ibyo biterwa ahanini n'ubujiji bw'ababyeyi badatekereza bihagije ku mibereho y'abana babyara, ntibite ku kibazo cy'ubutaka bugenda burushaho kuba ingume, ku kibazo cy'amashuri, icy'akazi, n'ibindi.

Urubyiruko rukaba rusaba ko ababyeyi, abasore n'inkumi biyemeje kurushinga bakwita ku mugambi wo kugabanya imbyaro; ONAPO izakaza umurego mu gushyirwa abaturage,

Leta nayo igashyiraho itegeko rigena umubare ntarengwa w'abana urugo rugomba kugira.

Ubutaka buke

Uko abaturage biyongera, niko ubutaka burushaho kugabanyuka no kugunduka bitewe no kubura ifumbire no kubuhinga buri gihe. Urubyiruko rwasabye Leta gufasha abaturage kubyaza umusaruro mwinshi ahato hasigaye babifashijwemo n'abahanga mu by'ubuhinzi n'ubworozi babacengezamo guhinga kijyambere, gukoresha imbuto z'indobanure, ifumbire n'imiti yica udukôko.

Ibinyendaro, Indaya n'Amabandi

Ababyeyi bamwe baradohotse mu burere bw'abana babo. Urubyiruko rufite irari rikabiye ry'ibintu kandi ubushobozi bwo kubibona ari buke akaba ari nacyo gikurura uburaya, ububandi n'ubwamanzi. Izo ngeso zikuzwa ahanini n'utubare tumaze kuba twinshi mu cyaro no mu migi kandi tutubahiriza amategeko agenga imikorere yatwo. Urubyiruko rwifuje ko utwo tubari twakubahiriza amategeko ndetse byaba ngombwa tukagabanywa. Ababyeyi nabo bakarushaho gukaza igitsure ku bana. Leta ikabafasha gutunganya ibyaro kugira ngo urubyiruko rwishimire kuhaba no kuhabona ibyo rukeneye.

Inkwano.

Gutanga inkwano ni umuco mwiza kuko ari ikimenyetso cy'uko ababyeyi b'umukobwa bamureze neza, bakamuvunikana. Nyamara aho ibihe bigeze ababyeyi bari bakwiye kwiyumvisha ko iyo inkwano atari ikiguzi cy'umukobwa bityo ntibajye baca ibya mirenge ndetse aho itabonetse ntibibabuze gushyingira umwana wabo.

Gutera inkunga amashyirahamwe

Urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe y'ubuhinzi n'ubworozi rwasabye Komini kubashakira amasambu aho ashoboye kuboneka. Amashyirahamwe akora indi mirimo yasabye Leta kuyunganira mu kubona inguzanyo mu mabanki no kuyegereza ibikoresho akeneye kandi ku giciro cyiza.

Kwigisha urubyiruko

Urubyiruko rufite inyota yo kwiga no kumenya kugira ngo ruteze imbere ibikorwa byarwo. Rwifuje rero ko ibigo by'urubyiruko na CERAI byakongerwa kandi bigatanga inyigisho nyinshi zinyuranye aho kwita ku bwubatsi n'ububaji gusa. Rwifuje ko amafaranga y'ishuri abana batanga muri CERAI yagabanywa kuko ari menshi ukurikiye amikoro y'ababyeyi.

Kugurisha umusaruro w'urubyiruko

Imurika-gurisha ryabaye muri iri SANGANO ryagaragaje ko ibikorwa by'urubyiruko bishobora kubona isoko. Urubyiruko rwifuje ko abategetsi ba Komini barushakirako kugira ngo bababwirako kuba hagerwaga n'abantu benshi kandi kenshi bitabavunnye.

Urubwiruko rwifuje ko ibyo bakora byahabwa agaciro na leta ndetse ikiyemeza kujya ibigura aho kugura ibiva mu mahanga.

Imikino n'Imyidagaduro

Urubwiruko ruzi ko imikino ari ngombwa mu mibereho myiza ya buri muntu. Iyo mikino kandi abasore n'inkumi barayikunda uretse ko kugeza ubu usanga itanyuranye, ikorwa nabi bitewe no kutayijijukirwamo bihagaje.

Urubwiruko rwifuje ko iyo mikino yarushaho kuba myinshi kandi igakwirakwizwa mu cyaro. Rwifuje kandi kuyihugurwamo kugira ngo rumenye amategeko ayigenga, rumenye no kuyiyobora rutajijinganya.

Muri rusange ibyo bigamiro byabaye ingirakamaro biranashyigikiwa cyane. icyifujwe ni uko, urebye akamaro byagize, mu masangano ataha byagombye gutegurwa ku buryo buhagije kugira ngo bizarushaho kuba ingirakamaro.

Ibyo birasaba ko ibyo bigamiro byazibanda ku bibazo by'ingutu Urubwiruko rufite ubu ariko cyane cyane bikagaragaza ibisubizo by'ibyo bibazo mu rwego rwo kongera umusaruro, gushyigikira umuco, kwita ku buzima n'uburere bwiza.

I.6. DISIKURU

Gahunda y'ISANGANO yateganyaga ijamba rya Burugumestri, iry'uhagarariye ababyeyi n'iry'uhagarariye Urubwiruko.

Muri rusange rero abavuze bose babanzaga gushimira Umukuru w'Igihugu udahwema gushaka icyateza imbere Urubwiruko; bagashimira Minisiteri y'Urubwiruko no Gutsura za Koperative n'izindi nzego zose zishinzwe urubwiruko kuba baratekereje gushyiraho ISANGANO ry'Urubwiruko.

Bagaragaje kandi ko iryo Sangano ari ingirakamaro kuko ryatumye ababyeyi n'abategetsi bahura maze bakumva kurushaho uruhare bafite mu guteganyiriza iminsi y'abana babo.

Ryanatumye urubwiruko ruhura, rwerekana ibyo rukora, rwungurana ibitekerezo, rurebera hamwe ibibazo ruhura nabyo n'umuti washobora kubihashya.

Abafashe ijamba bose basabye :

Urubwiruko

- Kwihatira kwiga kugira ngo rujijuke
- Kurwanya irari ryo gushaka gukura vuba kandi nta bushobozi
- Kwihatira gushinga amashyirahamwe n'amakoperative
- Kwiyumvisha neza ingorane zo gushinga urugo n'akamaro ko kugabanya imbyaro
- Gushishikarira ibikorwa byose bigamije amajyambere
- Kubaha ababyeyi no kubumvira.

Ababyeyi

- Kwita ku burere bw'abana babo

- Ababishoboye bagatera inkunga abana babo babashakira ipikoresho by'ifatizo kugira ngo bikorere umwuga bize; ndetse byashoboka akaba ari nabyo batangaho umunani aho gutsimbarara ku butaka n'inka bitakiboneka.

Leta

- Kwongera ibigo by'Urubyiruko n'ibya CERAI
- Gushyiraho itegeko rigenga imbyaro
- Gushyigikira amashyirahamwe y'Urubyiruko n'Amakoperative bayasura, bayagira inama no kuyafasha kubona inguzanyo
- Gufasha urubyiruko kubonera isoko ibyo rukora ndetse Leta ikaba iyambere mu kubigura
- Gushyigikira urubyiruko mu kungurana ibitekerezo no kumenyekanisha ibyageweho
- Guteza imbere imikino mu cyaro, kubegereza ibikoresho byayo bakeneye kandi bidahenze
- Gukomeza gukwirakwiza inganda n'imishyamba bitanga akazi mu cyaro.

Izo disikuru zabaye nziza kandi zirashyigikirwa cyane kuko wasangaga ibizikubiyemo ari ingirakamaro. icyifujwe ni uko mu bahagarariye urubyiruko byaba byiza abakobwa nabo bahawe umwanya wo kuvuga ntihabwe ijamba abahungu gusa nkuko byagenze.

* * *

Muri rusange ISANGANO RY'URUBYIRUKO ryagenze neza uretse ingorane zagiye ziboneka hamwe na hamwe.

Imitunganyirize y'iryo SANGANO Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative iyikesha abayifashije. Muri bo twavuye cyane cyane Presidansi ya Muvoma n'ibindi bigo byaba ibya Leta cyangwa iby'abikorera ku giti cyabo bayiteye inkunga bayihaye amafaranga yakoreshejwe cyangwa abakozi bo gukurikirana imitegurire n'imigendekere yaryo.

Ariko kugira ngo ritungane byatewe ahanini n'abayobozi baza Prefegitura n'aba za Komini bitanze batiziganye ari mu kuritegura, ari no gukurikirana imigendekere yaryo. Abo bese Ministeri irabashimira cyane inkunga bayiteye.

IBYIFUZO KU BIZAKORWA UBUTAHU

Kugira ngo ISANGANO ritaha ndetse n'andi yose azarukurikira azarusheho gutegurwa no gukorwa neza, abagize uruhare muri iryo SANGANO bifuje ibi bikurikira :

1) Nk'uko byagenze mu mwaka w'1987, ISANGANO ry'Urubyiruko rikwiye gukomeza guharirwa icyumweru cyose, kugira ngo, bya bikorwa bitanu by'ingenzi ari byo "Imurika-gurisha, Umuganda, Ibiganiro Mbwirwa-Ruhame, Disikuru, Imikino n'Imyidagaduro" bishobore gutungana nta gihutiweho. Komisiyo ya Komini ishinze gutegura isangano ikwiye guterana hakiri kare, maze igakora gahunda iboneye kandi ishingiyeye ku bushobozi bwabo n'ubw'urubyiruko, ku byo rukora n'ibyo rwifuza, gahunda ishingiyeye ku miterere ya buri karere, ku mikoro ya Komini n'inkunga ishobora kubona.

2) ISANGANO ry'urubyiruko rirareba mbere na mbere urubyiruko ubwarwo. Niyo mpamvu mu bihe bizaza abasore n'inkumi, ari abiga, ari abatiga, bagombye gufatanya bakaryitegurira nkuko bateguraga ininsi mikuru y'ababyeyi yajyaga ibera kuri za paruwase, maze banara kuri-tegura bagatumira ababyeyi n'abategets, bakabagaragariza ibyo bage-zeho, ibyo bifuza kugeraho, inzitizi bahura nazo n'umuti baziteganyiriza. Ntawashidikanya ko igihe urubyiruko ruzashobora kwitegurira ISANGANO ubwarwo, ruzaba ruteye intambwe ndende mu kumva no gushakira umuti ibibazo byarwo, birumvikana ko ababyeyi n'abategets batazabatererana.

3) Kugira ngo abanyeshuri, ari abiga mu mashuri abanza, ayisumbuye n'amakuru bazagire uruhare rukomeye mu gutegura no gutunganya ISANGANO ritaha, ni ngombwa ko hateganywa inama zajya zihuza abiga n'abatiga mu biruhuko bya Noheli na Pasika.

Ndetse ari ibishoboka hari hakwiye kuba izindi nama zihuz abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'amakuru, abarimu n'abayobozi kugira ngo bigire hamwe ukuntu ISANGANO ry'urubyiruko ryarushaho gutungana. Inyandiko-avugaga z'izo nama zajya zishyikirizwa Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative nayo igashyira hamwe ibitekerezo by'ingirakamaro bikubiyemo, naze ikabyohereza mu makomini kugira ngo bibafashe kwitegura.

Ikindi ni uko, nkuko byifujwe na benshi, ISANGANO rizajya riba mu mpeshyi rigafata icyumweru cya nyuma cy'ukwezi kwa munani kuko icyo gihe :

- umusaruro uba uhari kandi uhagije
- abanyeshuri babona umwanya uhagije wo kwitegura
- ababyeyi baba bafite imirimo nke y'ihinga n'isarura
- abategets nabo baba bafite imirimo nke ugereranyije niyo bagira mu mpera z'umwaka
- aba ari igihe cyiza cy'umwaka.

4) Kugira ngo amahanga nayo amenye imibereho n'ibibazo by'urubyiruko rw'u Rwanda, byaba byiza urubyiruko rw'ibihugu by'inshuti bifite amakomini yagiranye amasezerano yo gufatanya n'ayacu rutumiwe muri iryo SANGANO.

U Rwanda rushobora no gutumira amakipe n'amatorero y'ibihugu by'inshuti kugira ngo azaze gukina muri icyo cyumweru. Iyo mikino kandi, imyinshi ikabera ahanini mu makomini.

Ikindi gishobora gukorwa ni uguteganya inama yaba mu rwego mpuzamahanga naze ikigirwano ibibazo by'urubyiruko.

5) Ka kanama gashinzwe gutegura ISANGANO ni ingirakamaro cyane. Niyo mpamvu kagomba kuba kagizwe n'abantu bazwiho ubwitange, umurava n'ubushobozi. Gakwiye guhoraho maze ku mirimo y'ISANGANO kagerekaho n'iyi kujya kiga ibibazo by'urubyiruko muri rusange.

6) Mu rwego rwo gushakira isoko ibikorwa by'urubyiruko, buri Komini yari ikwiye guteganya ahantu ibyo bikorwa byamurikwa ku buryo buhoraho. Aho hantu bakahatoranya bakurikije ko hagerwa n'abantu benshi kandi kenshi.

Abanyabukorikori bakuze bakorera muri Komini ntibari bakwiye guhezwa muri iryo murika-gurisha kugirango urubyiruko rumenye ibyo bakora n'uko bikorwa bityo rugire aho ruhera mu kwishakira imirimo mishyashya.

Mu rwego rw'Igihugu, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ikwiye nayo guteganya ahantu hamurikirwa ibikorwa by'urubyiruko. Ibyo byatuma abantu benshi bamenya ko biriho bityo abashatse kubigura bakaba bazi aho babisanga cyangwa babituniza.

7) ISANGANO ry'urubyiruko rigomba kuba mu by'ukuri intango ikomeye y'ibarura ry'ibikorwa by'urubyiruko. Koko rero, Imurika-gurisha ni kimwe mu bizatuma urubyiruko ubwarwo n'abarushinzwe bamenya neza ibikorwa byose by'urubyiruko biri muri Komini. Ikindi rero ni uko iryo murika-gurisha ritera ishyari ryiza urubyiruko rugakomeza kwishakira imirimo mishyashya no guteza imbere iyo rwari rusanganywe.

Iyo abakora ku giti cyabo cyangwa abakorera mu nashyirahamwe bahuriye muri iryo soko bazanye ibyo bakoze, abaje kureba cyangwa kugura bagira ibyo bashina bakagira n'ibyo bagaya bitewe n'uko bikoze neza cyangwa nabi. Ibyo bituma ababikora barushaho kubinonosora bagashakisha kugira ngo bagure ibikorwa byabo, bahindure inikorere. Muri iryo shakisha nibwo haboneka inirimo mishyashya.

Si ibyo gusa, kuko ba basore n'inkuni birirwa boza akarenge, iyo babonye ko bagenzi babo bafite ibyo bagezeho kandi bibafitiye akanaro, nabo barigaya, bityo bagashakisha icyo bakora naho kandi bagashaka bagambiriye kubona ibishyashya bidahuje n'ibya bagenzi babo.

Uretse iryo murika-gurisha no muri bya biganiro mbwirwaruhame, muri ya madisikuru naho hagomba kumenyekanira imirimo mishyashya kuko batavuga mo ibibazo gusa, ahubwo bibanda cyane cyane ku bisubizo byerekana aho iyo mirimo yashakirwa.

Manifeste ya M.R.N.D. itubwiriza ko : "Imikino bakanguka" (page 26 - 28). Nyuma y'imirimo rero urubyiruko rugomba kwidagadura. Muri icyo myidagaduro ariko rugomba kuhabonera umwanya wo gucukumbura no guteza imbere imikino gakondo igenda yibagirana. Rukamenya imikino y'ubu uko ikorwa n'amategako ayigenga. Iyo mikino iteganijwe mu cyumweru cyahariwe urubyiruko igomba gute-gurwa ku buryo ihuriza abantu benshi kandi ikabera aho rya murika-gurisha riteganijwe kugira ngo abaje kuyireba babonereho no gusura ibyakozwe n'urubyiruko. Muri icyo cyumweru hagombye guteganywa ibi-taramo by'amatorero akomeye nk'Urukerereza, Indangamirwa, Amasimbi n'Amakombe, hakerekana za sinema, ikinamico, abacuranzi n'ibindi kugira ngo kirusheho gutungana.

Mbese muri make, abashinzwe gutegura ISANGANO RY'URUBYIRUKO bagomba kuryitangira bagashaka icyo aricyo cyose cyatuma ritungana ku buryo budasubirwaho.